Prefectura de Kibungu.
Poste d,Etaché Rwamagana.

Objet:

T. P.

Rwamagana le, I4-7-6I.

Dosier Nyamucenshera

Kwa Bwana Administrateur wa Preféctura ya Kibungu.

KIBUNGO
5173

Ndakuramutsa.

Bwana A.T. ndakumenyesha ko nakurikije nkomeje umurimo wantegetse wo gukoresha umuhanda kuva Kibungu kugera murugabano rwa Prefectura yacu niya Kigali.
Ubu natangije abantu bazakora umuhanda uvuye Kibungu kugera Kayonza kunkambi yaho, uwo muhanda nimubi cyane kuruta iyindi yose yo muri Prefectura yacu.
Ndifuza kuwukoresha neza kandi urakorwa nabantu bageze kuri I08 nku- ko Bwana Comptable yambwiye ko nzawushyiraho abantu kuri buri Km I abantu 3. ubwo rero nukuvuga abantu 3 x 36 km = I08 abakozi, kube iyo mpamvu yuko abo bantu ari benci nkabona ko nkwiye kuhaboneka ke nci kugirango umurimo udapha ubusa bakazatwara amafrs menci barakoz bidahagije.
Kuko rero ntamodoka mfite iyanjye yaraphuye iri mwi grage ikaba ita kira ngo ncobore kugerayo vuba nibura kabiri cyangwa gatatu buri c umweru, ndagusaba ko wabwira Bwana Commisaire wa hano i Rwamagana a kajya ampa Gipe afite kuko ntamasafari afite yo kuyijyanamo.
Narabimubwiye ambwira ko adashobora kuyitanga adafite uruhusa rwawe Bidashobotse rero ko nabona imodoka yo kungezayo ngo ndebe uwo muri mo ntabwo uzakorwa neza rwose.

Bwana A .T. ndagusaba igisubizo kandi ndagushimira ubu ryo bwo kumbonera uko nzakora uwo murimo kandurababaje cyane.
Ndagusezeraho ngutashya cyane.

Ndi Candident Sous Préfet : I.Nyamucenshera.